# MAINECARE KU BIMUKIRA

## ***MaineCare ni iki?***

**MaineCare** ifasha abantu kwishyura amafaranga yo kuvurwa, nko kubonana na muganga n`imiti.

## ***Mbese nshobora kubona MaineCare?***

**Hari amatsinda y`bantu babona MaineCare:** (1) abana; (2) ababyeyi babo; (3) abafite imyaka 19 na 20 y`amavuko; (4) abagore batwite; (5) abantu bakuru bafite ubumuga; (6) abakecuru n`abasaza bafite cyangwa barengeje imyakas 65 y`amavuko; (7) n`abakuze bafite imyaka kuva kuri 21 kugeza kuri 64 y`amavuko badafite abana babana nabo mu ngo (muri iri tsinda ni ukujya kuri lisiti ugategereza).

**Urwego rw`abimukira wabamo urwo ari rwo rwose, iyo utwite CYANGWA uri munsi y`imyaka 21 y`amavuko, kandi uri mu gihugu mu buryo bwemewe n`amategeko, ushobora kubona MaineCare yuzuye.**

**Bamwe mu bimukira bujuje amategeko bashobora kubona MaineCare yuzuye**.
Impunzi n`abahawe ubuhungiro (asayili) bashobora kubona MaineCare yuzuye.

## Nubwo waba uri hano mu buryo bwemewe n`amategeko, hari ubwo ushobora kutabona MaineCare yuzuye iyo:

1. Uri umuture wa burundu (LPR) mu myaka itanu y`ikubitiro muri urwo rwego (utari impunzi cyangwa uwahawe ubuhungiro "asayili")
2. Wasabye ubuture bwa burundu mu gihe utegereje gusubizwa;
3. Wasabye ubuhungiro cyangwa guhindurirwa urundi rwego rw`ubuhunzi mu gihe utegereje gusubizw n`ubuyobozi bwa Leta nkuru bugenga iby`abinjira; cyangwa se
4. Uri mu rundi rwego rwemewe rudasanzwe.

Nubwo waba uri muri rimwe muri aya matsinda ukaba udashobora kubona MaineCare yuzuye, ushobora cyakora kubona MaineCare yo mu bihe byihutirwa (Emergency MaineCare).

## ***MaineCare yo mu bihe byihutirwa (Emergency MaineCare) ni iki?***

**MaineCare yo mu bihe byihutirwa (Emergency MaineCare)** ikora gusa mu kwishyura ibikorwa by`ubuvuzi bikenewe mu koroshya uburwayi bukomeye. MaineCare yo mu bihe byihutirwa (Emergency MaineCare) ikora mu kwishyura ibikorwa by`ubuvuzi mu gihe cy`ibise no mu kubyara.

Niba uri mu rimwe mu matsinda yavuzwe haruguru, hari ubwo wabona ikarita ya MaineCare **ikoreshwa mu kwishyura gusa mu bihe byihutirwa (Emergency MaineCare)**. Uramutse hari ibibazo ufite ku byerekeye ibyo ikarita yawe ya MaineCare yishyura, wahamagara: MaineCare Member Services kuri **1-800-977-6740**.

**Niba nta byangombwa ugira ushobora kubona MaineCare yo mu bihe byihutirwa (Emergency MaineCare) igufasha kwishyura mu gihe cy`uburwayi butunguranye.**

| **Hari ibibazo mwareba:** | |
|---|---|
| **Maine Equal Justice Partners** | **Immigrant Legal Advocacy Project (ILAP)** |
| 207-626-7058 **cyangwa** numero itishyurwa 1-866-626-7059 | 207-780-1593 **cyangwa** numero itishyurwa 1-800-497-8505 |
| www.mejp.org | www.ilapmaine.org |